**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**IBIRO BYA MINISITIRI**

**AMABWIRIZA YA MINISITIRI W'UBUHINZI N'UBWOROZI N°..004...../2022 YO KU WA 01/08/2022 YEREKERANYE N'ITANGWA RY'INYONGERAMUSARURO Z'UBUHINZI (IFUMBIRE MVARUGANDA N'IMBUTO Z'INDOBANURE) HARIMO NKUNGANIRE YA LETA MU GIHEMBWE CY'IHINGA CYA 2023A KUGEZA TARIKI 31/01/2023.**

**Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi:**

Ashingiye kuri Politiki ya Leta irebana no kongera umusaruro w'ubuhinzi mu bwinshi no mu bwiza hakoreshwa inyongeramusaruro, kugira ngo dushobore kubona ibiduhagije kandi ibindi bijyanwe ku masoko;

Ashingiye kuri Politiki y'Igihugu yo gushishikariza abahinzi guhinga ibihingwa bibafitiye akamaro kurusha ibindi bitewe n'Akarere ndetse n'imiterere y'ubutaka bahingaho;

Ashingiye ku Itegeko N°30/2012 ryo kuwa 01/08/2012 rigena imikoreshereze y'ifumbire mvaruganda n'imiti ikoreshwa mu buhinzi no mu bworozi mu Rwanda, n'Itegeko N° 005/2016 ryo kuwa 05/04/2016 rigena imbuto n'amoko y'ibihingwa mu Rwanda;

Ashingiye kuri Gahunda ya Leta yo kwegereza Uturere bimwe mu bikorwa by'Iterambere kugira ngo bagire uruhare rufatika mu ishyirwa mubikorwa ryabyo *(National Decentralization policy);*

**ATANZE AMABWIRIZA AKURIKIRA:**

1. Ibigo by'Abikorera bine (4) bikurikira bifitanye amasezerano n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Iterambere ry'Ubuhinzi n'Ubworozi (RAB) ni byo byonyine byemerewe gucururiza ifumbire mvaruganda muri gahunda ya NKUNGANIRE ya Leta.

| N° | Amazina y'ikigo | Aho kibarizwa |
|---|---|---|
| 1 | **YARA Ltd** | P.o box : 3390 Kigali – Rwanda<br>Tel. : +0735 518 740<br>Email: peter.ngugi@yara.com |
| 2 | **E.T.G INPUTS Ltd.** | Tel. : +250 785712598<br>Email: vishal.patel@etgworld.com |
| 3 | **RWANDA FERTILIZER COMPANY Ltd** | Tel. : +250788549616<br>Email: a.kagabo@ocpafrica.com |
| 4 | **ONE ACRE FUND. / TUBURA** | P.o Box: 6640 Kigali<br>Tel. : +250 78 8741343<br>Eric.pohlman@oneacrefund.org, info.rwanda@oneacrefund.org |

Ibi bigo bisabwa kugeza ifumbire mu gihugu ku gihe no gucuruza ifumbire binyuze kuri *Agro-Processing Trust Corporation Ltd* (*APTC*) no ku bacuruzi b'inyongeramusaruro *(Agrodealers)* bakorera mu Mirenge itandukanye y'Igihugu.

2. APTC ifite inshingano yo kugenzura no gukurikirana uburyo ifumbire n'imbuto byunganiwe na Leta bigera ku bacuruzi b'inyongeramusaruro mu mirenge yose ihinga, uburyo zigezwa ku bahinzi no gukurikirana impapuro zituma ba Rwiyemezamirimo (*Suppliers*) bishyurwa n'Uturere ku gihe byose bigakorwa mu mucyo. APTC igenzura, ikemeza ikanakusanya impapuro zishyurirwaho, ikanazishyikiriza ba Rwiyemezamirimo kugirango bishyuze uturere uruhare rwa Leta (nkunganire) ku ifumbire. APTC ifite inshingano zo gukurikirana no kurinda uburyo bwose bwa magendu mu micururize y'inyongeramusaruro zunganiwe.

3. Bitewe n'izamuka ridasanzwe ry'ibiciro by'ifumbire ku isoko mpuzamahanga, kandi mu rwego rwo gukomeza korohereza abahinzi kugirango babone ifumbire mvaruganda itabahenze cyane, Leta yongereye uruhare rwayo rwa Nkunganire ku kiguzi cy'ifumbire mvaruganda yunganirwa na Leta ku buryo bukurikira: DAP: 42%; UREA: 40%; NPK $_{17.17.17}$: 42.4%, KCL/MOP: 33%, izo mu cyiciro cya kabiri (*NPK Compounds/Blends*) zikunganirwa hagati ya 5% na 39%. Nkunganire kuri buri bwoko bw'ifumbire ishingira ku ntungagihingwa ifite z'ibanze zikenewe mu butaka bw'u Rwanda. Uruhare rwa Leta ruzishyurwa n'Uturere kuri ba Rwiyemezamirimo bafitanye amasezerano na RAB bavugwa muri aya mabwiriza.

4. Abahinzi bazakomeza kugurira ifumbire mvaruganda ku bacuruzi b'Inyongeramusaruro (*Agrodealers*) bo mu Mirenge yabo ku giciro kirimo Nkunganire ya Leta ku buryo bukurikira:

**IBICIRO BY'IFUMBIRE MVARUGANDA ZUNGANIWE NA LETA MU GIHEMBWE CY'IHINGA CYA 2023A :**

| N° | Ubwoko bw'ifumbire | Igiciro kitunganiwe (Frw /1kg) | Nkunganire ya Leta (Frw/1kg) | Igiciro ntarengwa ku muhinzi (Frw/1kg) |
|---|---|---|---|---|
| **Icyiciro cya mbere: "*Macro-nutrient Fertilizers*"** | | | | |
| 1 | UREA | 1,257 | 503 | 754 |
| 2 | DAP | 1,428 | 600 | 828 |
| 3 | NPK 17:17:17 | 1,530 | 648 | 882 |
| 4 | KCL/MOP | 1,307 | 431 | 876 |
| **Icyiciro cya kabiri: "*Compounds / Blends*"** | | | | |
| 5 | Urea + Sulfur (40N+5.5S)/Amidas | 1,257 | 490 | 767 |
| 6 | NPK 23-10-5 + S, Z, Mg/ Cereal | 1,352 | 513 | 839 |
| 7 | NPK 15-9-20 + S, B, Zn, Mg, Mn/ Winner | 1,530 | 367 | 1,163 |
| 8 | 15 N +25.6% CaO + B/ Nitrabor | 1,071 | 74 | 997 |
| 9 | NPK 5-7-5-5 + B, Zn, Cu, Mg, Fe, Mn, Mo/ Tracebz | 7,500 | 375 | 7,125 |

5. Abacuruzi b'ifumbire bashobora kugabanyiriza ibiciro abahinzi ariko ntabwo bemerewe kuzamura ngo barenze ibiciro ntarengwa byashyizweho. Byose bigakorwa hubahirijwe ubuziranenge bw'ifumbire bwemewe.

6. Ibihingwa Leta izunganira ku mafumbire mu gihembwe cy'ihinga cya 2023A, ni ibi bikurikira: **ibigori, ibishyimbo, ingano, soya, umuceri, ibirayi, imyumbati, urutoki, imboga n'imbuto** (*fruits*). Abahinzi bunganirwa binyuze muri gahunda ya **"*Smart Nkunganire System*"**, abahinzi bose barasabwa gukoresha iyi gahunda no kuba mu matsinda ya Twigire Muhinzi.

7. Mu gihembwe cy'ihinga cya 2023A, abahinzi bazandika ibyo bakeneye ku mbuto n'ifumbire byunganirwa na Leta bakoresheje ikoranabuhanga rya "**Smart Nkunganire system-*SNS***", abahinzi biyandikisha bakoresheje telefoni zigendanwa kuri ***774#** bagakurikiza amabwiriza. Mu kwiyandikisha, abahinzi bagomba kuzuza muri SNS nimero z'indangamuntu. Bagomba kandi kuzuzamo nimero z'ubutaka (*UPI number*) igihe cyose ubutaka bufite nimero y'ubutaka itangwa n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe ubutaka, kabone niyo ubuhinga yaba yaratishije cyangwa akodesha. Iyo umuhnzi akodesha, ba nyiri ubutaka barasabwa kumworohereza kubona iyi nimero. Abacuruzi b'inyongeremusaruro nabo basabwe gukoresha uburyo bwa **MOPA** "*Mobile Ordering Processing Application*" bushamikiye kuri Smart Nkunganire System mu kurangura no gucuruza imbuto n'ifumbire byunganiwe na Leta. By'umwihariko abahinzi barashishikarizwa gukoresha no kubyaza umusaruro gahunda zose zishamikiye kuri *Smart* Nkunganire *System* (SNS), bakaba banashishikarizwa kwishyura bakoresheje uburyo bw'ikoranabuhanga bukoresha telefoni zigendanwa, burimo *Mobile Money, Airtel/Tigo Money* n'IKOFI.

8. **Imbonerahamwe y'Ibigo by'abikorera n'abatubuzi b'Imbuto bemewe bakurikira ni bo bazatanga imbuto zunganiwe na Leta mu gihembwe cy'ihinga cya 2023A:**

| # | **Izina ry'Ikigo** | **Aho kibarizwa** |
|---|---|---|
| 1 | DERN Seed Company | Musanze, Tel: +250788655500 |
| 2 | WESTERN SEED CO. Ltd. | P.O. box 1022, 30200 Kitale-Kenya<br>Tel. : +250781723385/+254 705505505<br>Email: info@westernseecompany.com |
| 3 | UNICOOPAGI | Nyamagabe, Tel: +250788467349 |
| 4 | RUMBUKA Seeds Ltd | Kamonyi, Tel: +250788641335/ 738641335 |
| 5 | Coop IABM | Muhanga, Tel: +250783190228 |
| 6 | IABM Cooperative | Muhanga, Tel: +250783190228 |
| 7 | NVG Supply Ltd | Nyagatare, Tel: +250788303636 |
| 8 | ONE ACRE FUND. / Tubura. | P.O Box 6640 Kigali<br>Tel. : +250 78 537 1414<br>Email: eric.pohlman@oneacrefund.org |
| 9 | HOLDING Company Limited | GATSIBO, Tel: +250788400048 |
| 10 | E&B Seed Company | Kayonza, Tel: +250788673695/ 788400079 |
| 11 | TRI-SEEDS Ltd | Kirehe, Tel: +250788520914 |
| 12 | Export Trading Group (ETG) | Tel. : +250 733 664 655<br>Email: shakil.shailch@etgworld.com |

| | | |
|---|---|---|
| 13 | Top Quality Seed Production | Kayonza, Tel: +250788682337 |
| 14 | RISCO Ltd | Nyagatare, Tel: +250788463749 |
| 15 | NAICO | Kirehe, Tel: +250788363700 |
| 16 | KAMASHAZI Norah/ IGNITE SEEDS Ltd | Nyagatare, Tel: +250788739552 |
| 17 | KGB Ltd | Gasabo, Tel: +250788306812 |
| 18 | BRAMIN Ltd | Kayonza, Tel: +250788777817 |
| 19 | Kenya Seed Co Rwanda | Gasabo, Tel: +250786870213 |
| 20 | API Ltd | Nyagatare, Tel: +250788753766 |
| 21 | SEEDS OF TRUST Ltd | Nyagatare, Tel: +250788513527 |
| 22 | HAKIZIMANA Leodomir | Gatsibo, Tel: +250788476294 |
| 23 | RWASMO Ltd | Nyagatare, Tel: +250788513527 |
| 24 | CODERNYA IBAKWE | Gicumbi, Tel: +250783412454 |
| 25 | NZEYALEX Ltd | Ngoma, Tel: +250782172633 |
| 26 | SOZO Company | Gasabo, Tel: +250788433242/788656623 |
| 27 | EASTERN SEED SOLUTION COMPANY Limited | Gatsibo, Tel: 0788486454/ 0788758246 |
| 28 | Ebenezer Mixed Farming & General Merchandise Limited (EMFAGM Ltd) | Gatsibo, Tel: +250788307609 PRODEV-KAYONZA LIMITED |
| 29 | PRODEV KAYONZA Limited | Kayonza, Tel: +250788853454 |

9. Imbuto Leta izunganiraho abahinzi mu gihembwe cy'ihinga cya 2023A ni ku bihingwa by'**Ibigori, Soya n'Ingano**, ku buryo bukurikira:

**Imbonerahamwe y'ubwoko bw'imbuto z'indobanure, ibiciro byemejwe bitariho Nkunganire ya Leta n'ibiciro biriho Nkunganire ya Leta mu gihembwe cy'ihinga 2023A:**

a) **Ibiciro by'imbuto (Frw/1kg) y'ibigori ya Hybrid iterwa mu misozi miremire:**

| **Ubwoko bw'imbuto (Variety)** | **Ikiguzi cy'imbuto yageze ku muhinzi (*Total price: Frw/kg*)** | **Nkunganire ya Leta (*Subsidy value: Frw/kg*)** | **Igiciro cyunganiwe ku muhinzi (*Farmer's price: Frw/kg*)** |
|---|---|---|---|
| RHMH1520, RHMH1601, RHMH1611 | 2,281 | 1,828 | 453 |
| H629/H628 | 2,425 | 1,212 | 1,213 |
| WH605/508 | 2,600 | 1,300 | 1,300 |

b) **Ibiciro by'imbuto (Frw/1kg) y'ibigori ya "*Hybrid*" iterwa mu misozi iringaniye no mu bibaya:**

| Ubwoko bw'imbuto (Variety) | Ikiguzi cy'imbuto yageze ku muhinzi *(Total price: Frw/kg)* | Nkunganire ya Leta *(Subsidy value: Frw/kg)* | Igiciro cyunganiwe ku muhinzi *(Farmer's price: Frw/kg)* |
|---|---|---|---|
| RHM104, RHM1402, RHM1407, RHM1409 | 2,281 | 1,828 | 453 |
| WH505/507/403/504/101/509/301 | 2,600 | 1,300 | 1,300 |
| H513 | 2,425 | 1,212 | 1,213 |

**c) Ibiciro by'imbuto (RWF/1kg) ya Soya:**

| Ubwoko bw'imbuto (*Variety*) | Ikiguzi cy'imbuto yageze ku muhinzi (Total price: *Frw/kg*) | Nkunganire ya Leta (Subsidy value: *Frw/kg*) | Igiciro cyunganiwe ku muhinzi (Farmer's price: *Frw/kg*) |
|---|---|---|---|
| **Imbuto ifite icyemezo (*Certified Seed* ):** | | | |
| Peka6 | 1,620 | 920 | 700 |
| SB24 | 1,620 | 920 | 700 |
| RWSO102/RWSO103/ RWASOY20-1 kugeza ku 8 | 1,620 | 920 | 700 |
| **Imbuto ifite ubwiza bwemewe *(Quality Declared Seed):*** | | | |
| Peka6 | 1,450 | 800 | 650 |
| SB24 | 1,450 | 800 | 650 |
| RWSO102/RWSO103 | 1,450 | 800 | 650 |

**d) Ibiciro by'imbuto (RWF/1kg) y'ingano:**

| Ubwoko bw'imbuto (Variety) | Ikiguzi cy'imbuto yageze ku muhinzi (*Total price: Frw/kg*) | Nkunganire ya Leta (*Subsidy value: Frw/kg*) | Igiciro cyunganiwe ku muhinzi (*Farmer's price: Frw/kg*) |
|---|---|---|---|
| **Imbuto ifite icyemezo (*Certified Seed*)** | | | |
| Nyaruka, Gihundo, Rengerabana, Cyumba, Reberaho, Majyambere, Keza, Mizero, Kibatsi na Nyangufi | 1,200 | 684 | 516 |
| KS Njoro II/KS Chozi | 1,200 | 684 | 516 |
| **Imbuto ifite ubwiza bwemewe (*Quality declared seed*)** | | | |
| Nyaruka, Gihundo, Rengerabana, Cyumba, Reberaho, Majyambere, Keza, Mizero, Kibatsi na Nyangufi, KS Njoro II/ KS Chozi | 1,000 | 510 | 490 |

Umuhinzi yishyura imbuto ku kiguzi nyacyo cyavanywemo Nkunganire itangwa na Leta. Abacuruzi b'imbuto bashobora kugabanyiriza ibiciro abahinzi, ariko ntabwo bemerewe kuzamura ngo barenze ibiciro ntarengwa byashyizweho. Byose bigakorwa hubahirijwe ubuziranenge bw'imbuto bwemewe ikenewe kandi bizwi n'inzego za Leta bakorana

10. Ibi biciro ntarengwa byemewe ku ifumbire mvaruganda n'imbuto z'indobanure bigomba kumanikwa ku miryango y'amaduka y'abacuruzi b'inyongeramusaruro bakora muri Gahunda ya Nkunganire bose (*Agro-dealers*), ku biro by'Ubuyobozi bw'Inzego z'ibanze no ku biro bya Koperative z'abahinzi n'ahandi hose hahurira abahinzi benshi.

11. APTC igomba kugirana amasezerano yihariye y'imikoranire n'ibigo by'abikorera bitumiza ifumbire hanze n'ibitanga imbuto, ikanagirana amasezerano y'imikoranire n'abacuruzi b'inyongeramusaruro mu Turere bemejwe n'Akarere, hagamijwe kunoza imikorere. Ahagaragaye abahinzi banini kandi umucuruzi (*Agro-dealer*) waho adafite ubushobozi bwo kumugezaho ifumbire/Imbuto akeneye yose ku gihe, uwo muhinzi munini akorana na APTC byemejwe n'Umurenge ahingamo, APTC ikamugezaho inyongeramusaruro.

12. Abagura n'abagurisha inyongeramusaruro bose, inzego zishinzwe kwishyura Nkunganire n'izishinzwe ikurikirana ry'ikoresha ry'inyongeramusaruro barasabwa kugira umwete wo gukoresha "Smart Nkunganire". Abacuruzi b'inyongeramusaruro (*agro-dealers*) barashishikarizwa bose gutunga *smart phone* ikoresha murandasi (*internet*), bakaba basabwe kuba bose bazifite ku maduka bacururizamo inyongeramusaruro no kuzikoresha mu buryo bwa *Smart Nkunganire.* Gukoresha ikoranabuhanga rya *Smart Nkunganire* ni kimwe mu bishingirwaho kwemererwa kuba umucuruzi w'inyongeramusaruro, abatarikoresha bagomba guhagarikwa n'inzego zibishinzwe. Cyakora, haramutse habaye impamvu zifatika zituma ikoranabuhanga ridakunda mu gace runaka, byemejwe n'uhagarariye ubuhinzi mu Karere nyuma yo kubijyaho inama n'uhagarariye Station ya RAB muri ako Karere, hashobora gukoreshwa uburyo bw'impapuro bwari busanzwe, mu kugeza ifumbire n'imbuto byunganiwe na Leta ku bahinzi, bikamenyeshwa inzego bireba mu buryo bwanditse kandi abacuruzi b'inyongeramusaruro bakihutira guhuriza muri MOPA amakuru kubyacurujwe muri ubwo buryo.

13. Umucuruzi w'ifumbire n'imbuto agomba kugira ububiko (*store*) bwujuje ibyangombwa byose bisabwa harimo kuba hatemberamo umwuka uhagije n'udutanda (*palettes*) duterekwaho imifuka y'ifumbire kimwe n'iy'imbuto byose bikabikwa ku buryo bwujuje ubuziranenge. Agomba kuba afite buri gihe nibura ifumbire n'imbuto y'ibanze mu bubiko bwe kugira ngo uko abahinzi baje babishaka babibone, akurikije ingano y'ifumbire n'imbuto bikenewe mu gace ashinzwe.

14. ***Bordereau d'expedition/ Delivery note*** ivanywe kuri stock n'abacuruzi b'imbuto n'ifumbire (*agro-dealers*) igomba kuba yasuzumwe kandi yashyizweho umukono n'umukozi wa APTC uba kuri stock mbere y'uko yemezwa n'umukozi w'Umurenge Ubishinzwe.

15. Ubuyobozi bw'Umurenge n'Akagari burasabwa gukorana no gukurikiranira hafi imikorere y'abacuruzi bemerewe gucuruza ifumbire n'imbuto z'indobanure mu Mirenge n'Utugari twabo; abatubahirije ibisabwa bagasimburwa ku bufatanye bwa APTC n'ubuyobozi bw'Akarere. Abacuruzi b'inyongeramusaruro barasabwa kujya basinyisha ***Bordereau d'expedition/ Delivery note*** bahawe n'abatumiza ifumbire n'abatanga imbuto, ku Mirenge bakoreramo, bakazishyikiriza APTC, APTC ikazigenzura, ikazemeza (*approval*) ikanazishyikiriza ba Rwiyemezamirimo **bitarenze iminsi cumi n'itanu (15).**



JM

16. Akarere kishyura Nkunanire ya Leta yose (*100% subsidy contribution*) ku mbuto n'ifumbire byageze mu Murenge, hashingiwe ku nyemezabwishyu, amasezerano yo kugemura inyongeramusaruro na **"*Delivery* note"** yemejwe n'urwego rw'umurenge, APTC yabikoreye igenzura, ikigo gicuruza inyongeramusaruro, n'abacuruzi b'inyongeramusaruro. Inyandiko zishyuza zishyikirizwa Akarere ku buryo butaziguye, zitabanje gucishwa muri RAB cyangwa urundi rwego, igihe zagenzuwe na APTC. Akarere kabika inyandiko zose zishyuriweho na raporo zerekana uko inyongeramusaruro zakoreshejwe, zikagaragarizwa inzego zikora igenzura igihe cyose rikozwe.

17. Hagamijwe kwihutisha ndetse no koroshya akazi, uburyo bw'ikoranabuhanga bwa *Smart* Nkunganire *System* (SNS), buzajya bukoreshwa mu kwemeza inyandiko zose no kuzihererekanya by'umwihariko "*Delivery Notes* na *Invoices*".

18. Hashyizweho itsinda ry'Abatekinisiye riterana rimwe mu kwezi n'igihe cyose byaba ngombwa rihuriweho n'Akarere, RAB na APTC rishinzwe kugenzura inyandiko zishyuza (*invoices*) zashyikirijwe Akarere. Iri tsinda kandi rikora igenzura ry'uko ifumbire yakoreshejwe n'abahinzi mu gihembwe cy'ihinga muri buri karere. Hanasurwa buri mucuruzi w'inyongeramusaruro, hagakorwa ibarura ry'ifumbire n'imbuto afite mu bubiko n' imicururize n'ubuziranenge bwazo. Raporo y'igenzura ishyirizwa ishyikirizwa Ubuyobozi bw'Uturere.

19. Kugira ngo igihembwe cy'ihinga kigende neza, Ubuyobozi bw'Akarere burasabwa ibi bikurikira:
    a) Gukoresha inama ku gihe zo gutegura no gushyira mu bikorwa igihembwe cy'ihinga;
    b) Kwishyurira ku gihe ba Rwiyemezamirimo n'abatubuzi bagejeje imbuto n'ifumbire mu Karere, Nkunganire ya Leta mu minsi itarenze 45 ifumbire cyangwa imbuto byagejejwe mu Karere byishyujwe;
    c) Gukora ubukangurambaga bwimbitse kuri Gahunda yo guhuza ubutaka, ibihingwa byatoranyijwe, gukoresha inyongeramusaruro (imbuto nziza, ifumbire y'imborera, imvaruganda n'ishwagara) hagamijwe kongera umusaruro ku buso ndetse no guhinga butaka bwose bwagenewe guhingwa, no gushishikariza abahinzi kwiyandikisha muri Gahunda ya Smart Nkunganire.
    d) Gukurikirana ibikorwa byo guhinga ubutaka bwose bushobora guhingwa mu Gihugu, kububyaza umusaruro, no gukangurira abahinzi gutera imyaka ku gihe;
    e) Gukurikirana ko imbuto n'ifumbire byagejejwe ku bahinzi ku gihe kandi biri gukoreshwa neza;
    f) Kwita ku bikorwa byo kuhira imyaka cyane ku buso buto aho bikenerwa no kubyaza umusaruro ibishanga, ibyanya byuhirwa ndetse n'amaterasi byatunganyijwe na Leta;
    g) Gukangurira abahinzi ibikorwa byo kurwanya isuri no kurwanya indwara n'ibyonnyi by'ibihingwa nka nkongwa na cyumya byo mu bigori na kirabiranya yo mu rutoki;
    h) Gushyira mu bikorwa gahunda ya Twigire Muhinzi hakoreshejwe ingengo y'imari yohererejwe Uturere hibandwa cyane ku gushyira abahinzi mu matsinda, gutegura amahugurwa n'amarushanwa y'Abajyanama b'Ubuhinzi n'Abafashamyumvire no gushyiraho imirima ntangarugero;
    i) Gutegura hakiri kare no guhuza inzego zitandukanye mu bikorwa byo gusarura no gufata neza umusaruro;

j) Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'Imihigo y'Intore z'Ingamburuzabukene.

20. Umuntu wese uzafatwa anyereza cyangwa akoresha ifumbire cyangwa imbuto icyo zidateganyirijwe azahanwa hakurikijwe amategeko kandi impande zose zisabwe kubahiriza ibiteganywa n'Itegeko N° 30/2012 ryo ku wa 01/08/2012 rigena imikoreshereze y'ifumbire mvaruganda n'imiti ikoreshwa mu buhinzi no m'ubworozi, n'Itegeko N° 005/2016 ryo kuwa 05/04/2016 rigena imbuto n'amoko y'ibihingwa mu Rwanda.

Amabwiriza atangiye kubahirizwa ku munsi ashyiriweho umukono.

Bikorewe i Kigali, ku wa 04/08/2022.

**Dr. Gérardine MUKESHIMANA**
**Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi**